

**Ijambo rya Nyakubahwa Madame Jeannette Kagame mu
muhango wo gusoza umwiherero w'Abakobwa –
Banyamuryango ba AERG 2013
Rwamagana, 6 Ukwakira 2013**

Nyakubahwa Munyamabanga wa Leta muri Minaloc,

Nyakubahwa Gouvernor,

Ba Nyakubahwa bahagarariye Ingabo na Police

Ba Nyakubahwa mwese muteraniye hano

Banyamuryango ba AERG, bana bacu

Mwiriwe neza?

Nagira ngo nshimire AERG ku butumire mwampaye no kuba mwarateguye uyu mwiherero. Kuba mwaratekereje guha umwihariko abanyamuryango banyu b'abakobwa bagitangira amashuri makuru na kaminuza, bishimangira wa muco mwiza mwahisemo wo kurerana, natwe nk'ababyeyi tukaba twariyemeje kubegera ngo tubunganire.

Muri Werurwe uyu mwaka, Foundation Imbutu yateguye umwiherero nkuyu ku bakobwa batangiye Kaminuza kugirango tunganire bisesuye, maze bifatire ingamba zo kuyobora ubuzima bwabo bafite intego.

Muri uwo mwiherero byagaragaye ko hakenewe impanuro kuva abana bakiri mu mashuri yisumbuye kugira ngo bazagere muri kaminuza bazi imbogamizi bahura nazo n'uburyo bwo kuzivanamo neza.

Twifashishije igitabo cyitwa “ ***Seven Habits of the Highly Effective People***” cyanditswe na ***Stephen Covey***, kugirango tunganire uburyo umuntu agomba gutangirana n'intego mu mutwe we “ ***Begin with the end in mind***” bikazamufasha kuba indashyikirwa mu buzima bwe.

Twibukiraniye kandi ko iyo umuntu afashe urugendo agomba kuba azi aho ajya, uko azagerayo, agateganya kandi n’uko yabigenza aramutse uburyo yateganiye buhuye n’imbogamizi.

Nishimiye kandi ko mu nyigisho nabonye mwahawe nabyo mwabigarutseho ndetse mukongeraho n’ubundi bumenyi bubishimangira.

Hari umwanditsi witwa **Martin Gray** warokotse jenocide yakorewe Abayahudi, mu gitabo cye yise “**Au nom de tous les miens**” yagize ati « **On sort du cercle de la mort par la vie et l’action** ». Muri rusange twishimira ko abana bacitse ku icumu mwahisemo kubaho ariko, tukaba twemera ko mukwiye no kubaho neza.

Ntawasiba amateka yatubayeho, ntawabasha gusimbura ababyeyi n’abavandimwe mutagifite, ariko mufite **igihugu n’ubuyobozi buzima kandi burimo ababyeyi!** Igihugu kibakunda, cyumva inzira y’umusaraba mwaciyemo, kibarinda kuzongera gutonekara kandi kigamije kubafasha kwiteza imbere. Igihugu kandi kirwanira iteka kwihesha agaciro kugirango tutazongera gupfa! Igihugu gihora giterwa amacumu n’abafite ikimwaro cy’uko batasohoje umugambi wabo; ariko icyo gihugu kikanga kigakomeza kubaho no kubaka ubunyarwanda nyabwo.

Ubwo mwahisemo kubaho rero mukaba munafite ubushobozi bwo guhindura ayo mateka, hari indi ntambwe mugomba gutera kugira ngo muve muri cya gicucu cy’urupfu n’agahinda umwanditsi yavuze !ni umurimo, guharanira kwiteza imbere.

Kugirango mugire ubuzima bwiza birasaba ingufu zanyu nyinshi. Binyuze mu kurerana, guhanana, gufatanya kugira intego, mukagena n’uburyo bwo kuzigeraho. Birabasaba kandi gukomeza kwegera abantu bakuru kugirango bashobore kubaherekeza.

Bumwe mu buryo bwo kugera ku ntego mwihaye, ni ukugira ubumenyi, kumenya impano zanyu, kumenya kuzikoresha no gutizanya ingufu.

Ikindi gikomeye ngirango ngarukeho ni uguhagarara ku gaciro k’umukobwa muri rusange by’umwihariko nk’ uwarokotse jenocide kandi ufite inshingano zo kongera kubaka umuryango jenocide yasenye.

Byaragaragaye ko mu kigero cyanyu abakobwa baca mu bigeragezo bitandukanye kuko nicyo gihe umwana w’umukobwa aba atangiye ubundi buzima bwo kwigenga. Imibare y’umwaka ushize iratwereka ko mu banyamuryango banyu **3957** b’abakobwa batangiye kaminuza, **48** batwaye inda, **32** bahita bava mu ishuri.

- *Ni iki mwakora kugirango hatagira abandi bongera gutakaza amahirwe yo kwiga ?*
- *Ese wowe ku giti cyawe, wakwirinda ute kugirango usohoke neza muri ibyo bigeragezo ?*
- *Ni iki mwakora kugira ngo abatakaje ishuri bagaruke ?*

Ubuzima bwa Kaminuza habamo ibishuko bitandukanye, twagirango tubasabe mwigie kumenya guhitamo kandi mumenye kuvuga « **oya idacagase** » ! Muri mwe hari abazabishora, nicyo twe nk’ababyeyi n’abarezi tubifuriza, ariko tuzi neza ko uko ibyiza byose dushaka atari ko tubigeraho, hari ab’intege nke bagwa muri ibyo bishuko, abo nabo twabasaba kumenya kwirinda! Ariko kandi singombwa kwemera kunyura

muri ibyo bigeragezo. Muzirikane ko abo bahungu cyangwa ba sugar daddy babashuka kuko ingaruka ntabwo zibageraho kimwe.

Bakobwa bacu, ndagirango mbabwire ko mutagira urwitwazo rwo kwishora mu ngeso mbi kubera ubukene cyangwa ubuzima bubi. Mukeneye kugira indangagaciro zihamye kugirango abazabakomokaho bazagire aho bafatira urugero rwiza.

Baca umugani ngo ***“Itutu ryo ku zuru riruta akuya ko mu ntege”*** . Ibyo byose ntimushobora kubigeraho mutabikoreye! Niyo mpamvu mbasaba gukorana ingufu mubyo mukora byose cyane cyane amasomo mwiga kuko ari ko kazi kanyu ka none ; kandi kakaba ari imwe mu nkingi zo gutuma mutera imbere.

Buri wese amenye icyo akunda, icyo ashoboye kandi agikore neza ahereye kubyo yumva yifitemo. Mutinyuke no kugerageza ibyo mutekereza ko bikomeye kuko niba mufite ubushake n’umuhate ntacyababuza kubishobora.

Nabajije amashami mukunze kwiga nk’abakobwa–banyamuryango ba AERG, bambwira ko abenshi biga Accounting, sociology, management and finance nagira ngo mbashishikarize no gutinyuka amasomo ajyanye n’ubumenyi n’ikoranabuhanga ndetse n’ubumenyi-ngiro. Kuko ni amashami akenewe ku isoko ry’umurimo.

Birashoboka ko amashuri abanza n’ayisumbuye mwayize muri mu buzima butoroshye bigatuma rimwe na rimwe mutiga neza. Ariko niba mushaka guhangana ku isoko ry’umurimo birakenewe ko muhora mutyaza ubwenge. Umuntu ntarangize kaminuza atazi icyongereza atazi igifaransa yemwe na accounting cyangwa management wize ntayo uzi, maze wagera

mu kizami cy'akazi ntushobore kwisobanura hanyuma uti « akazi karabuze ». Mwisuzume mumenye aho mufite intege nke mufatanye kuzamurana. Muri families mwashyizeho mwihe gahunda yo kwiyigisha indimi, guhugurana ku bintu bitandukanye, mukoreshe umwanya wa nyuma y'amasomo mu gusoma no kwiyongera mu bumenyi.

“Umwana uzi ubwenge baramusiga akinogereza”! kuba mwarabonye ubufasha bwo kwiga byari bikwiye kubatera ingufu zo gushakisha icyabazanira inyungu cyabateza imbere! ntimwicare ngo mutekereze ngo Leta izaduha byose ! Usibye ko bitanashoboka, ni n'umuco utari mwiza abantu bakwiriye gucikaho. Niba abajya kwiga mu mahanga bashakisha uturimo tw'amasaha make twabaha uburyo bwo kubaho bitababujije kwiga ; kuki hano mu Rwanda bidashoboka ?

Kuki usohotse mu ishuri cyangwa niba wiga ku gicamunsi utagira uwo usaba kujya umukorera isuku, gusigarana umwana, kwigisha abana bato n'indi mirimo yoroheje ariko izana inyungu.

Ndabasaba kwagura amaso ntimwihugireho ahubwo mutinyuke kujya mu nzego z' ubuyobozi kugirango mureberere umuryango nyarwanda muri rusange ariko by'umwihariko mukomeze guharananira kubaka ubunyarwanda.

Ibi ntahandi muzabikura uretse kubyitoza hakiri kare muyobora bagenzi banyu mu ishuri, aho mutuye no mu yindi mirimo itandukanye kugera aho muzagera mu nzego zo hejuru.

Nagira ngo nsoze nsaba ababyeyi n'abayobozi batandukanye gukomeza kubaba hafi kugira ngo mukomeze kwiteza imbere no kwanga gupfa bwa kabiri nk'abantu ; ariko nanone nk'igihugu.

Bakobwa bana bacu, buri wese muri mwe niyiyemeza gukomeza guhitamo kubaho **kandi neza**, agatangirana intego kuko azi icyo ashaka, mwese mugakomeza umuco wo kurerana, mukagira uruhare mu byemezo bibafatirwa ; buri wese azaba ashobora kuvuga koko ngo “***I’m stronger***”!

Murakoze!